Rapport

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI

**Kigali,** le 16/6/1998

**N°**

Bwana Mugenzuzi
w'Ifasi ya GISENYI

Impamvu:
Ikirego cyanyu

Bwana Muyobozi,

Nkwandikiye nkumenyesha ko ikirego cyanyu twacyakiriye neza tukigejejwe ho na Perefe wa Gisenyi kuri Telefone. Kubera ko umwanya wari muto, dusaba ko ayo makipe yombi azahurira i Byumba tugatumiza « Assemblée Générale » ya « Associations du Sport scolaire » tukacyigira hamwe. Ibyo byarakozwe kuwa 13/06/1998 mu gitondo mbere yuko imikino itangira.

Perefegitura ya Gisenyi yari ihagarariwe na « Sous-Préfet » ushinzwe imibereho myiza y'abaturange. Tumaze kunva ibirego bya Gisenyi na Ruhengeri tubona ko atari ngombwa kumenya aho abo bana baba ahubwo ari ukumenya niba koko abo bana biga muri iryo shuri. Dutora Komisiyo igizwe n'abarezi batatu ngo baganire n'abo bana baturebere aho ukuri guhagaze.

Babaza ibibazo bimwe baza gufata umwanzuro ko abo bana batiga aho muri iryo shuli. Raporo y'inama izabageraho yakozwe n'Umugenzuzi w'Ifasi ya Byumba. Bwana « Sous-Préfet » wenyine yarabyiboneye koko akurikije ibibazo bimwe bimwe bababajije.
Ibyabayobeye bimwe ni ibi:

- Prefet wanyu yitwa nde?
- Mukoresha ibihe bikoresho muri Informatique?
- Wicarana nande?
- Mwishuri muri bangahe?
- N'ibindi n'ibindi ------

Ahubwo nagirango nkusabe nk'umuyobozi w'ifasi ko mwafatira ibyemezo abayobozi nk'abo bigisha abana ingeso mbi. Nibyo koko intego yambere y'imikino mu mashuri ni ukurera abana. Kubatoza kubaha amategeko n'abandi, bagasabana.

Ukuri rero kwaragaragaye ahasigaye ni mwe mwafata umwanzuro kugirango koko Siporo yo mu mashuri igirire akamaro abanya Gisenyi n'abanyarwanda twese.

Murakoze.

**Umuyobozi wa Siporo**

**RWIGEMA Paterne**

RWIGEMA Paterne
Directeur des Sports
MIJESCAFOP

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha imyuga iciriritse
  KIGALI
- Bwana Minisitiri w'Uburezi
  KIGALI
- Perefe wa Perefegitura ya
  GISENYI

REPUBLIQUE RWANDAISE
REPUBLIC OF RWANDA

VICE-PRESIDENCE DE LA REPUBLIQUE ET
MINISTERE DE LA DEFENSE NATIONALE
CABINET DU VICE-PRESIDENT

OFFICE OF THE VICE-PRESIDENT
AND MINISTER OF DEFENCE
B.P 23 KIGALI

Kigali, kuwa 11 Kamena 1997

REF. : 1627/DEF/152/A/X/001

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Imikino,
Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse
**KIGALI**

**Impamvu** : Gutegura umunsi mukuru
wo kuwa 04 Nyakanga 1997

Bwana Minisitiri,

Ingabo z'Igihugu, Gendarmerie Nationale na Police Communale batumiwe mu birori byo kwizihiza isabukuru ya gatatu y'ihagarikwa ry'itsembabwoko n'itsembatsemba mu Rwanda.

Kuri uwo munsi Ingabo z'Igihugu, Gendarmerie Nationale na Police Communale bazakora parade. Imyiteguro y'iyo parade ubu irakorerwa i Kanombe. Bizaba ngombwa ariko ko imyitozo ya parade ikorerwa kuri stade ibirori bizakorerwaho.

Kubera iyo mpamvu, mbandikiye iyi baruwa mbasaba ko mu rwego rwanyu mwadutiza stade Amahoro kuva kuwa 16 Kamena 1997 kugeza kuwa 04 Nyakanga 1997.

Mugire amahoro.

Emmanuel HABYARIMANA
Lt Col BEM
Umunyamabanga Mukuru muri
Minisiteri y'Ingabo.

**Bimenyeshejwe** :
- Umukuru wa Etat-Major y'Ingabo
- Umukuru wa Etat-Major ya Jandarumori y'Igihugu